

ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/2009 RYO KUWA 19/6/2009 RIGENA UBURYO BWO KOROHEREZA ABAFITE UBUMUGA GUKORA NO GUKURIKIRANA IBIKORWA BY'UMUCO, IMYIDAGADURO N'IMIKINO

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Icyo iteka rigamije

Ingingo ya 2: Ibikoresho ku bafite ubumuga

Ingingo ya 3: Kuba umunyamuryango w'ishyirahamwe mpuzamahanga ry'imikino

Ingingo ya 4: Inzira n'umwanya byihariye ku bafite ubumuga

Ingingo ya 5: ibigomba guteganywa mu ngengo y'imari

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

MINISTERIAL ORDER N° 01/2009 OF 19/6/2009 DETERMINING THE MODALITIES OF FACILITATING PERSONS WITH DISABILITIES TO PRACTICE AND FOLLOW CULTURAL, ENTERTAINMENT AND SPORTS ACTIVITIES

TABLE OF CONTENTS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Materials for disabled persons

Article 3: To be a member of an international sports association

Article 4: A passing way and special spaces for disabled persons

Article 5: Issues for incorporation into the budget

Article 6: Repealing provision

Article 7 : Commencement

ARRETE MINISTERIEL N° 01/2009 DU 19/6/2009 DETERMINANT LES MODALITES DE FACILITER AUX PERSONNES HANDICAPEES A PRATIQUER ET A SUIVRE LES ACTIVITES CULTURELLES, DE LOISIR ET DE SPORT

TABLE DES MATIERES

Article premier : Objet du présent arrêté

Article 2: Matériels pour les personnes handicapées

Article 3 : Etre membre d'une association internationale de sport

Article 4 : Passage et places spéciaux pour les personnes handicapées

Article 5: Budgétisation des certains articles

Article 6 : Disposition abrogatoire

Article 7 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/2009 RYO KUWA 19/6/2009 RIGENA UBURYO BWO KOROHEREZA ABAFITE UBUMUGA GUKORA NO GUKURIKIRANA IBIKORWA BY'UMUCO, IMYIDAGADURO N'IMIKINO

MINISTERIAL ORDER N° 01/2009 OF 19/6/2009 DETERMINING THE MODALITIES OF FACILITATING PERSONS WITH DISABILITIES TO PRACTICE AND FOLLOW CULTURAL, ENTERTAINMENT AND SPORTS ACTIVITIES

ARRETE MINISTERIEL N° 01/2009 DU 19/6/2009 DETERMINANT LES MODALITES DE FACILITER AUX PERSONNES HANDICAPEES A PRATIQUER ET A SUIVRE LES ACTIVITES CULTURELLES, DE LOISIR ET DE SPORT

Minisitiri w'Umuco na Siporo,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14, iya 120, iya 121 n'ya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 24;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

The Minister of Culture and Sports,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 14, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 01/2007 of 20/01/2007 relating to protection of disabled persons in general, especially in Article 24;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 19/06/2009;

Le Ministre de la Culture et des Sports,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 14, 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 01/2007 du 20/01/2007 portant protection des personnes handicapées en général, spécialement en son article 24 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 19/06/2009

ATEGETSE :

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo ya mbere : icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga gukora no gukurikirana ibikorwa by'umuco, imyidagaduro n'imikino.

Ingingo ya 2: Ibikoresho ku bafite ubumuga

Abantu bafite ubumuga bagenerwa ibyangombwa byose bibafasha kwitabira, gukora no kwitoza imikino n'imyidagaduro. Inzego zifite mu nshingano zazo ibi bikorwa zaba iza leta cyangwa iz'abikorera ku giti cyabo zigomba guteganya aho ibi bikorerwa. Ibi bireba cyane cyane amashyirahamwe nyarwanda afite mu nshingano zayo umuco, imyidagaduro n'imikino.

Ingingo ya 3: Kuba umunyamuryango w'ishyirahamwe mpuzamahanga ry'imikino

Abantu bafite ubumuga boroherezwa kuba abanyamuryango b'amashyirahamwe mpuzamahanga y'imikino, kandi bakagenerwa ibyangombwa byose igihe bagiye mu bikorwa binyuranye by'ayo

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the modalities of facilitating disabled persons to practice and follow cultural, entertainment and sports activities.

Article 2: Materials for disabled persons

Disabled Persons shall be fully facilitated in order to participate, to practice and train in sport and entertainment activities. Both private and public organs in charge of such activities shall reserve spaces for the practice of these activities.. This mainly concerns national associations in charge of cultural, entertainment and sports activities.

Article 3: To be a member of the international sports association

Disabled persons shall be facilitated to become members of international sports associations, and shall be availed assistance to participate in activities relating to these associations, or in

Article premier : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté fixe les modalités de faciliter les personnes handicapées à pratiquer et à suivre les activités culturelles, de loisir et de sports.

Article 2 : Matériels pour les personnes handicapées

Les personnes handicapées sont pourvues de tout le matériel nécessaire leur permettant de participer, de faire et de s'entraîner dans le sport et les loisirs. Les organes, tant public que privé, ayant ces activités dans leurs attributions doivent prévoir les endroits destinés à leur exercice. Ceci concerne surtout les associations nationales ayant la culture, le loisir et le sport dans leur attributions.

Article 3 : Etre membre d'une association internationale de sport

Les personnes handicapées bénéficient des facilités leur permettant d'être membres des associations internationales de sport, et il est mis à leur disposition tous les moyens

mashyirahamwe, cyangwa mu mikino ku rwego mpuzamahanga, birimo cyane cyane nk'amafaranga y'urugendo, ayo kubatunga, imisanzu yo gutanga muri ayo mashyirahamwe.

Ingingo ya 4 : Inzira n'umwanya byihariye ku bafite ubumuga

Abafite ubumuga bakeneye gukurikirana imikino n'imyidagaduro bagenerwa inzira n'umwanya byabo byihariye, kugira ngo badahutazwa kubera ubumuga bwabo.

Abafite ubumuga bwo kutumva bagenerwa ababasemurira mu mikino n'imyidagaduro.

Ingingo ya 5 : Ibigomba guteganywa mu ngengo y'imari

Ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 2, iya 3 n'iya 4 z'iri teka biteganywa mu ngengo y'imari ya buri rwego bireba.

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri

games at the international level, which include mainly transport, meals and membership fees.

Article 4: A passing way and special spaces for disabled persons

A passing way and special spaces shall be reserved for disabled persons who choose to follow sports and entertainment activities for their own safety due to their disabilities.

Deaf Persons shall be provided with interpreters during sports and entertainment activities.

Article 5: Issues for incorporation into the budget

The issues specified under Articles 2, 3 and 4 of this Order shall be incorporated into the budget of each Organ.

Article 6: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this

lorsqu'ils vont participer aux activités relatives à ces association, ou à des jeux du niveau internationale, et ses moyens sont notamment les frais de transport, de restauration, de cotisation dans ces associations.

Article 4 : Passage et places spéciaux pour les personnes handicapées

Il est prévu aux personnes handicapées qui désirent suivre le sport et loisir, un passage et des places spéciaux, pour la sécurité due à leurs handicaps.

Les sourds sont pourvus des interprètes lors des sports et loisirs.

Article 5 : Budgétisation des certains articles

Les moyens énoncés aux articles 2, 3 et 4 du présent arrêté sont prévus dans le budget de chaque organe concerné.

Article 6 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures

kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Order are hereby repealed.

contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 7: Commencement

Article 7 : Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda .

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 19/6/2009

Kigali, on 19/6/2009

Kigali le 19/6/2009

(sé)

HABINEZA Joseph
Minisitiri w'Umuco na Siporo

(sé)

HABINEZA Joseph
Minister of Sports and Culture

(sé)

HABINEZA Joseph
Ministre de la Culture et des Sports

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 06/07.01 RYO KUWA 25/7/2009 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEKA RYA MINISITIRI N° 10/07.01 RYO KU WA 12/10/2007 RISHYIRAHO AMABWIRIZA AGENGA IMPUZAMASHYIRAHAMWE, AMASHYIRAHAMWE N'IBIGO BYITA KU BAFITE UBUMUGA</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 06/07.01 OF 25/7/2009 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE MINISTERIAL ORDER N° 010/07.01 OF 12/10/2007 PROVIDING FOR THE REGULATION OF THE FEDERATIONS, ASSOCIATIONS AND CENTERS RESPONSIBLE FOR WELFARE OF DISABLED PERSONS</p>	<p>ARRETE MINISTERIEL N° 06/07.01 DU 25/7/2009 MODIFIANT ET COMPLETANT L'ARRETE MINISTERIEL N° 10/07.01 DU 12/10/2007 PORTANT REGLEMENTATION DES FEDERATIONS, ASSOCIATIONS ET CENTRES DE PRISE EN CHARGE DES PERSONNES HANDICAPEES</p>
--	---	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

<p>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</p>	<p>Article One: Purpose of this Order</p>	<p>Article premier : Objet du présent arrêté</p>
<p>Ingingo ya 2: Inshingano y'Impuzamashyirahamwe</p>	<p>Article 2: Responsibilities of the Federation</p>	<p>Article 2: Attributions de la Fédération</p>
<p>Ingingo ya 3: Imiterere y'Impuzamashyirahamwe</p>	<p>Article 3: Composition of the Federation</p>	<p>Article 3 : Composition de la Fédération</p>
<p>Ingingo ya 4: Kongeramo ingingo nshya</p>	<p>Article 4: Inserting a new Article</p>	<p>Article 4 : Ajout d'un nouvel article</p>
<p>Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka</p>	<p>Article 5: Repealing provision</p>	<p>Article 5: Disposition abrogatoire</p>
<p>Ingingo ya 6 : Igihe Iteka ritangirira gukurikizwa</p>	<p>Article 6 : Commencement</p>	<p>Article 6 : Entrée en vigueur</p>

ITEKA RYA MINISITIRI N° 06/07.01 RYO KUWA 25/7/2009 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEKA RYA MINISITIRI N° 10/07.01 RYO KUWA 12/10/2007 RISHYIRAHO AMABWIRIZA AGENGA MPUZAMASHYIRAHAMWE, AMASHYIRAHAMWE N'IBIGO BYITA KU BAFITE UBUMUGA

MINISTERIAL ORDER N° 06/07.01 OF 25/7/2009 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE MINISTERIAL ORDER N° 010/07.01 OF 12/10/2007 PROVIDING FOR THE REGULATION OF THE FEDERATIONS, ASSOCIATIONS AND CENTERS RESPONSIBLE FOR WELFARE OF DISABLED PERSONS

ARRETE MINISTERIEL N° 06/07.01 DU 25/7/2009 MODIFIANT ET COMPLETANT L'ARRETE MINISTERIEL N° 10/07.01 DU 12/10/2007 PORTANT REGLEMENTATION DES FEDERATIONS, ASSOCIATIONS ET CENTRES DE PRISE EN CHARGE DES PERSONNES HANDICAPEES

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,

The Minister of Local Government,

Le Ministre de l'Administration Locale,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 120 n'iya 121;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120 and 121 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour spécialement en ses articles 120 et 121;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;

Pursuant to Law n° 01/2007 of 20/01/2007 relating to the protection of disabled persons in general, especially in Article 4;

Vu la Loi organique n°01/2007 du 20/01/2007 portant protection des personnes handicapées en général, spécialement en son article 4 ;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 10/07.01 ryo kuwa 12/10/2007 rishyiraho amabwiriza agenga Impuzamashyirahamwe, Amashyirahamwe n'Ibigo byita ku bafite ubumuga cyane cyane mu ngingo yaryo iya 20, iya 23;

Having reviewed the Ministerial Order n° 010/07.01 of 12/10/2007 providing for the regulation of the federations, associations and centers responsible for welfare of disabled persons, especially in Articles 20 and 23;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 10/07.01 du 12/10/2007 portant réglementation des fédérations, associations et centres de prise en charge des personnes handicapées, spécialement en ses articles 20 et 23;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 19/06/2009 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 19/06/2009;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Iri teka rihindura kandi rikuzuzanya Iteka rya Minisitiri n° 10/07.01 ryo kuwa 12/10/2007 rishyiraho amabwiriza agenga Impuzamashyirahamwe, Amashyirahamwe n'ibigo byita ku bafite ubumuga.

Ingingo ya 2: Inshingano y'Impuzamashyirahamwe

Ingingo ya 20 y'Iteka rya Minisitiri n° 10/07.01 ryo kuwa 12/10/2007 rishyiraho amabwiriza agenga Impuzamashyirahamwe, Amashyirahamwe n'ibigo byita ku bafite ubumuga ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

«Impuzamashyirahamwe ku rwego rw'Igihugu y'abafite ubumuga ifite inshingano zikurikira:

- 1) guhuza ibikorwa by'amashyirahamwe y'abafite ubumuga n'ibigo byita ku bafite ubumuga ;

HEREBY ORDERS:

Article One: Purpose of this Order

This Order modifies and complements the Ministerial Order n° 010/07.01 of 12/10/2007 providing for the regulation of the federations, associations and centers responsible for welfare of disabled persons.

Article 2: Responsibilities of the Federation

Article 20 of the Ministerial Order n° 010/07.01 of 12/10/2007 providing for the regulation of the federations, associations and centers responsible for welfare of disabled persons is modified and complemented as follows:

«Responsibilities of the Federation at the national level for persons with disabilities are as follows:

- 1) coordinate activities of persons with disabilities and those of centers that care for persons with disabilities;

ARRETE:

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté modifie et complète l'Arrêté Ministériel n° 10/07.01 du 12/10/2007 portant réglementation des fédérations, associations et centres de prise en charge des personnes handicapées.

Article 2: Attributions de la Fédération

L'article 20 de l'Arrêté Ministériel n° 10/07.01 du 12/10/2007 portant réglementation des fédérations, associations et centres de prise en charge des personnes handicapées est modifié et complété comme suit :

«Les attributions de la Fédération pour les personnes handicapées au niveau national sont les suivantes :

- 1) coordonner les activités des associations de personnes handicapées et celles des centres de prise en charge de personnes handicapées;

O.G. n° 35 of 31/8/2009

- | | | |
|---|--|--|
| 2) kugira inama amashyirahamwe kugira ngo arangize inshingano zayo neza; | 2) advise associations of persons with disabilities so that they fully achieve their mission; | 2) conseiller les associations de personnes handicapées afin qu'elles puissent réaliser pleinement leur mission; |
| 3) gufasha amashyirahamwe kurangiza inshingano zayo ; | 3) assist associations of persons with disabilities to fully achieve their mission; | 3) aider les associations de personnes handicapées à la réalisation de leur mission; |
| 4) gutora umudepite uhagararira abafite ubumuga mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite no gutora abakandida babiri batorwamo Uhagarariye abafite ubumuga mu Nteko ya EAC; | 4) elect one Deputy representing persons with disabilities in the Chamber of Deputies of Parliament and electing two candidates from whom will be elected a representative of persons with disabilities in the East African Legislative Assembly (EALA); | 4) élire un député représentant les personnes handicapées à la Chambre des députés du Parlement et élire deux candidats parmi lesquels est élu un représentant des personnes handicapées au sein de l'Assemblée législative d'Afrique de l'Est (EALA); |
| 5) gutora abagize Komite Nyobozi; | 5) elect the members of Executive Committee; | 5) élire les membres du Comité Exécutif ; |
| 6) gukora ubuvugizi bw'amashyirahamwe y'abafite ubumuga n'ibigo byita kubafite ubumuga ; | 6) carry out advocacy on behalf of associations and centers that care for persons with disabilities; | 6) faire le plaidoyer en faveur des associations de personnes handicapées et des centres de prise en charge des personnes handicapées; |
| 7) guhuriza hamwe no gutanga inama ku ngamba, ibikorwa na serivisi bigenerwa abafite ubumuga n'inzego zinyuranye ; | 7) coordinate and provide advice on strategies, activities and services intended for persons with disabilities by different organs; | 7) coordonner et fournir des conseils sur les stratégies, les activités et les services accordés aux personnes handicapées par les différents organes; |

- | | | |
|--|--|---|
| 8) gufasha amashyirahamwe n'ibigo byita ku bafite ubumuga kubona ubushobozi butuma birangiza inshingano zabyo no kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu; | 8) assist associations and centers that care for the persons with disabilities to fully achieve their mission and contribute to national development; | 8) aider les associations et les centres de prise en charge des personnes handicapées à se doter de capacités leur permettant de réaliser pleinement leur mission et de contribuer au développement national; |
| 9) gutoza abafite ubumuga umuco wo gukunda Igihugu, uw'amahoro, ubwuzuzanye n'ubufatanye no kubakangurira kurwanya amacakubiri n'ibindi bikorwa byabaganisha mu bitabafitiye akamaro ; | 9) inculcate in persons with disabilities patriotism, and the culture of peace, complementarity and solidarity and sensitize them on the fight against divisionism and other futile acts; | 9) inculquer l'esprit de patriotisme, de culture de la paix, de complémentarité et de solidarité aux personnes handicapées et les sensibiliser à la lutte contre le divisionnisme et d'autres actes futiles; |
| 10) guha abafite ubumuga urubuga rwo kwisanzuriramo bakungurana ibitekerezo, bakajya inama bagamije gushakira hamwe imiti y'ibibazo bahura nabyo n'icyabateza imbere ; | 10) provide persons with disabilities with a platform for personal development and exchange of ideas for them to engage in consultations towards finding solutions to problems faced and look into ways to achieve self-development; | 10) fournir aux personnes handicapées une plate-forme d'épanouissement personnel et d'échange d'idées afin qu'elles puissent se concerter et œuvrer ensemble en vue de trouver des solutions aux problèmes rencontrés et d'examiner les voies et moyens permettant de réaliser leur propre développement; |
| 11) guharanira no guteza imbere iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abafite ubumuga ; | 11) work towards the promotion and respect for the rights of persons with disabilities; | 11) travailler à la promotion et au respect des droits des personnes handicapées; |
| 12) gutoza abafite abafite ubumuga gukunda | 12) instill in persons with disabilities a | 12) inculquer aux personnes |

O.G. n° 35 of 31/8/2009

- | | | |
|---|--|--|
| umurimo no kubashishikariza ibikorwa nyongeramusaruro n'ibindi bikorwa bigamije kubateza imbere no guteza imbere Igihugu cyabo ; | hardworking spirit and encourage them to engage in income- generating activities and other activities designed to achieve their own development and that of their country; | handicapées l'amour du travail et les encourager à s'engager dans des activités génératrices de revenus et d'autres activités visant à réaliser leur propre développement et celui de leur pays; |
| 13) gukangurira abafite ubumuga kwibumbira mu makoperative; | 13) sensitize persons with disabilities to form cooperative societies; | 13) sensibiliser les personnes handicapées à la création des coopératives; |
| 14) gushyigikira no guteza imbere ibikorwa by'umuco, imikino n'imyidagaduro mu bafite ubumuga; | 14) support and promote cultural, sports and leisure activities among persons with disabilities; | 14) appuyer et promouvoir les activités culturelles, sportives et de loisir parmi les personnes handicapées; |
| 15) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko rirengera abafite ubumuga muri rusange; | 15) make follow-up on the enforcement of the Law relating to the protection of persons with disabilities in general; | 15) faire le suivi de l'application de la loi portant protection des personnes handicapées en général; |
| 16) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Afurika y'Imyaka Icumi y'Abamugaye mu Rwanda nk'uko yemejwe n'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika n'izindi gahunda mpuzamahanga; | 16) make follow-up on the implementation in Rwanda of the African Decade Disability Program (ADDP) as adopted by the African Union and other international programs; | 16) faire le suivi de la mise en œuvre au Rwanda du Programme de la Décennie Africaine des Personnes Handicapées (ADDP) adoptée par l'Union africaine et d'autres programmes internationaux; |
| 17) gushimangira umubano n'izindi mpuzamashyirahamwe zo mu mahanga n'imiryango mpuzamahanga bihuje inshingano.» | 17) develop good relationships with other foreign federations and international organisations with similar missions. » | 17) entretenir de bonnes relations avec les autres fédérations étrangères et des organisations internationales ayant une mission similaire. » |

Ingingo ya 3: Imiterere y'Impuzamashyirahamwe

Ingingo ya 23 y'Iteka rya Minisitiri n° 10/07.01 ryo kuwa 12/10/2007 rishyiraho amabwiriza agenga Impuzamashyirahamwe, Amashyirahamwe n'Ibigo byita ku bafite ubumuga ihinduwe kandi yujwe ku buryo bukurikira:

«Inteko rusange y'Impuzamashyirahamwe y'Abafite Ubumuga igizwe n'aba bakurikira :

1. Ku rwego rw'Umurenge : Abagize komite Nyobozi y'Impuzamashyirahamwe y'abafite ubumuga ku rwego rw'Umurenge (5) hiyongereyeho abagize Komite Nyobozi y'Amashyirahamwe y'abafite ubumuga ku Murenge hakurikjwe ibyiciro by'ubumuga bihari (25);

2. Ku rwego rw'Akarere : Abagize Komite Nyobozi y'Impuzamashyirahamwe y'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere (5) hiyongereyeho abagize komite Nyobozi y'abafite ubumuga ku Karere hakurikjwe ibyiciro by'ubumuga bihari (25);

3. Ku rwego rw'Igihugu : Abagize komite

Article 3: Composition of the Federation

Article 23 of the Ministerial Order n° 010/07.01 of 12/10/2007 providing for the regulation of the federations, associations and centers responsible for welfare of disabled persons is modified and complemented as follows:

«The General Assembly of the Federation shall comprise of the following members:

1. At the sector level: Members of the Executive Committee of the Federation of persons with disabilities at the sector level (5) in addition to members of the Executive Committee of associations of persons with disabilities at the sector level following existing disability categories (25);

2. At the District level: Members of the Executive Committee of the Federation of persons with disabilities at the District level (5) in addition to members of the Committee of persons with disabilities in the District following existing disability categories (25);

3. At the national level: Members of the

Article 3: Composition de la Fédération

L'article 23 de l'Arrêté Ministériel n° 10/07.01 du 12/10/2007 portant réglementation des fédérations, associations et centres de prise en charge des personnes handicapées est modifié et complété comme suit :

«L'Assemblée générale de la Fédération est composée des membres suivants:

1. Au niveau du Secteur: les membres du Comité exécutif de la Fédération des personnes handicapées au niveau du Secteur (5) auxquels s'ajoutent les membres du Comité exécutif des associations de personnes handicapées au niveau du Secteur suivant les catégories de handicap que l'on y trouve (25);

2. Au niveau du District: les membres du Comité exécutif de la Fédération des personnes handicapées au niveau du District (5) auxquels s'ajoutent les membres du Comité des personnes handicapées dans le District suivant les catégories de handicap que l'on y trouve(25);

3. Au niveau national: les membres du

Nyobozi y'Impuzamashyirahamwe y'abafite ubumuga ku rwego rw'Igihugu (5) hiyongereyeho abagize Komite Nyobozi y'Amashyirahamwe y'abafite ubumuga ku rwego rw'Igihugu (25), abagize Komite Nyobozi y'Impuzamashyirahamwe y'abafite ubumuga ku rwego rwa buri Karere (150) n'abantu (3) bahagarariye Komite Ngishwanama ya gahunda y'imyaka icumi y'abamugaye mu Rwanda mu gihe cyose iyo gahunda igihari.

Buri Mpuzamashyirahamwe y'abafite ubumuga ishobora gutumira mu nama yayo abantu ibona ko bayungura ibitekerezo ariko ntibatora mu gufata ibyemezo.

Minisitiri ifite mu nshingano zayo abafite ubumuga igira uyihagararira mu nama y'Inteko Rusange y'Impuzamashyirahamwe ushobora gutanga ibitekerezo ariko ntatore mu ifatwa ry'ibyemezo.

Ingingo ya 4 : Kongeramo ingingo nshya

Iteka rya Minisitiri n° 10/07.01 ryo kuwa 12/10/2007 rishyiraho amabwiriza agenga Impuzamashyirahamwe, Amashyirahamwe

Executive Committee of the Federation of persons with disabilities at the national level (25), members of the Executive Committee of the Federation of persons with disabilities at the district level (150) and three (3) persons representing the Advisory Committee of the African Decade Disability Program (ADDP) in Rwanda and whose membership will remain in effect until the end of the Program.

Each Federation of persons with disabilities may invite to its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda. The invitee will have no voting rights.

The Ministry in charge of persons with shall have a delegate in the meetings of the General Assembly of the Federation. Such delegate may give opinions on items under consideration without him/her having voting rights.

Article 4: Inserting a new Article

The Ministerial Order n° 010/07.01 of 12/10/2007 providing for the regulation of the federations, associations and centers

Comité exécutif de la Fédération des personnes handicapées au niveau national (25), les membres du Comité exécutif de la Fédération des personnes handicapées au niveau de chaque District (150) et trois (3) personnes représentant le Comité consultatif du Programme de la Décennie Africaine des Personnes Handicapées (ADDP) au Rwanda dont la qualité de membre reste jusqu'à la fin du Programme.

Chaque Fédération des personnes handicapées peut inviter à ses réunions toute personne qu'elle juge compétente pour l'examen d'un point inscrit à l'ordre du jour. La personne ainsi invitée n'a pas de voix délibérative.

Le Ministère ayant les personnes handicapées dans ses attributions dispose d'un délégué dans les réunions de l'Assemblée générale de la Fédération. Ce délégué peut donner des avis sans toutefois avoir une voix délibérative.

Article 4: Ajout d'un nouvel article

A l'Arrêté Ministériel n° 10/07.01 du 12/10/2007 portant réglementation des fédérations, associations et centres de prise

n'Ibigo byita ku bafite ubumuga ryongewemo ingingo ya 45 bis iteye itya :

responsible for welfare of disabled persons is hereby added Article 45 bis worded as follows:

en charge des personnes handicapées, est ajouté un article 45 bis libellé comme suit:

Ingingo ya 45 bis :Uburyo bwo gusimbura umwe mu bagize Komite Nyobozi

Article 45 bis: Modalities for replacement of one of Executive Committee members

Article 45 bis: Modalités de remplacement d'un membre du Comité Exécutif

«Iyo umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Impuzamashyirahamwe y'abafite ubumuga utakiri mu mwanya we kubera impamvu zitandukanye, ishyirahamwe yatorewemo ribanza gutora umukandida uhagararira icyo cyiciro mu matora ya Komite Nyobozi y'Impuzamashyirahamwe. Iyo amaze gutorwa kimwe n'abari basigaye muri Komite Nyobozi bapiganirwa uwo mwanya cyangwa imyanya itagifite abayirimo muri Komite Nyobozi.

«Where a member of the Executive Committee of the Federation of persons with loses membership due to various reasons, new election of the Executive Committee shall be held and only the remaining members of the Committee will stand for the first round of election. After the election and with the remaining existing members of the executive committee, they compete for the post(s) of the committee.

«Lorsqu'un membre du Comité Exécutif de la Fédération des personnes handicapées perd sa qualité de membre pour une quelconque raison, il est organisé l'élection en premier lieu d'un candidat devant remplacé celui qui a perdu la qualité de membre au sein de son association. Après cette élection, et avec les anciens membres du Comité Exécutif qui restaient, entrent en compétition pour le(s) poste(s) du comité.

Inteko rusange y'Impuzamashyirahamwe kuri urwo rwego niyo itora hubahirizwa amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

The General Assembly of the federation at the level where election is held is the only electing Organ in conformity with the instruction of the National Electoral Commission.

L'Assemblée Générale de la Fédération du niveau où les élections sont prévues est seule compétente pour procéder au vote conformément aux instructions de la Commission Nationale Electorale.

Umukandida wese agomba kuba afite ubumuga cyangwa afite umwana ufite ubumuga bwo mu mutwe.»

Every candidate must be a person with disability or have a child with a mental disability. »

Chaque candidat doit être une personne handicapée ou avoir un enfant ayant un handicap mental.»

Ingingo ya 5 : Ivanwaho ry’Ingingo zinyuranyije n’iri teka

Ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije nazo zivanyweho.

Ingingo ya 6 : Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, kuwa 25/07/2009

(sé)

MUSONI Protais
Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w’Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

Article 5: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 6: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 25/07/2009

(sé)

MUSONI Protais
Minister of Local Government

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 5: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 6: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 25/07/2009

(sé)

MUSONI Protais
Ministre de l’Administration Locale

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI
N° 01/cab.M/09 RYO KUWA 27/07/2009
RIGENA UBURYO INYUBAKO
ZITANGIRWAMO SERIVISI
ZITANDUKANYE ZIKORERWA
ABATURAGE ZIGOMBA KUBA
ZITEYE MU BURYO BWO
KOROHEREZA ABAFITE
UBUMUGA

MINISTERIAL ORDER N°
01/cab.M/09 OF 27/07/2009
DETERMINING THE MODALITIES
OF CONSTRUCTING BUILDINGS
PROVIDING VARIOUS PUBLIC
SERVICES TO EASE THE ACCESS
OF PERSONS WITH DISABILITIES

ARRETE MINISTERIEL N°
01/cab.M/09 DU 27/07/2009
DETERMINANT LES MODALITES DE
CONSTRUCTION DES BATIMENTS
OU DIFFERENTS SERVICES
PUBLICS SONT PRESTES DE FAÇON
A FACILITER L'ACCES AUX
PERSONNES HANDICAPEES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iteka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définition

Ingingo ya 3: Ibyangombwa biteganyirizwa abafite ubumuga ku nyubako

Article 3: Building facilities for persons with disabilities

Article 3 : Commodités à prévoir pour les personnes handicapées

Ingingo ya 4: Ahahagarikwa ibinyabiziga

Article 4: Parking space for vehicles

Article 4 : Parkings pour véhicules

Ingingo ya 5: Uruhushya rwo kubaka

Article 5: Building permit

Article 5: Autorisation de bâtir

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 6: Repealing provision

Article 6 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Article 7: Commencement

Article 7: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI
N° 01/cab.M/09 RYO KUWA 27/07/2009
RIGENA UBURYO INYUBAKO
ZITANGIRWAMO SERIVISI
ZITANDUKANYE ZIKORERWA
ABATURAGE ZIGOMBA KUBA
ZITEYE MU BURYO BWO
KOROHEREZA ABAFITE
UBUMUGA

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 25;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE :

MINISTERIAL ORDER N°
01/cab.M/09 OF 27/07/2009
DETERMINING THE MODALITIES
OF CONSTRUCTING BUILDINGS
PROVIDING VARIOUS PUBLIC
SERVICES TO EASE THE ACCESS
OF PERSONS WITH DISABILITIES

The Minister of Infrastructure,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 14, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 01/2007 of 20/01/2007 relating to protection of disabled persons in general, especially in Article 25;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 19/06/2009;

HEREBY ORDERS:

ARRETE MINISTERIEL N°
01/cab.M/09 DU 27/07/2009
DETERMINANT LES MODALITES DE
CONSTRUCTION DES BATIMENTS
OU DIFFERENTS SERVICES
PUBLICS SONT PRESTES DE FAÇON
A FACILITER L'ACCES AUX
PERSONNES HANDICAPEES

Le Ministre des Infrastructures,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 14, 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 01/2007 du 20/01/2007 portant protection des personnes handicapées en général, spécialement en son article 25 ;

Après examen et adoption par le conseil des Ministres en sa séance du 19/06/2009 ;

ARRETE :

Ingingo va mbere : icyo iteka rigamije

Iri teka rigena uburyo inyubako zikorerwamo serivisi zitandukanye zigenerwa abaturage zigomba kuba ziteye mu buryo bwo korohereza abafite ubumuga kugera aho izo serivisi zitangirwa.

Ingingo va 2 : Ibisobanuro by'amagambo

"Inyubako zikorerwamo serivisi zitandukanye" ni inyubako zose zaba iz'abikorera, zaba iza Leta cyangwa ibigo byayo, iz'imishinga ya Leta kimwe n'iz'amadini anyuranye n'izindi zose zakira abantu ku mpamvu izo ari zo zose.

"Serivisi zigenewe abaturage" ni serivisi zose zihabwa abantu ku mpamvu zinyuranye kandi baba bakeneye mu mibereho yabo ya buri muni.

"Inyubako zorohera abafite ubumuga" ni inyubako zubatse ku buryo abafite ubumuga bashobora kuzinjiramo bitabagoye cyangwa ngo bibabangamire.

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the modalities of constructing buildings providing various public services to ease the access of persons with disabilities.

Article 2: Definitions

The term *"buildings where various services are provided"* shall mean all buildings, whether private or public or parastatal as well as those belonging to various religious denominations and all other buildings used for the provision of various services.

The term *"public services"* shall mean all services rendered to the population for various reasons in their best interest.

The term *"buildings that facilitate access for persons with disabilities"* shall mean buildings constructed in a way that access thereto by persons with disabilities is facilitated or eased.

Article premier : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté fixe les modalités de construction des bâtiments où différents services publics sont prestés de façon à faciliter l'accès aux personnes handicapées

Article 2 : Définitions

Les termes *"bâtiments où différents services sont prestés"* signifient tous les bâtiment tant privés que publics ou paraétatiques ainsi que ceux de différentes confessions religieuses et tous les autres bâtiments destinés aux différents services des personnes.

Le terme *"services publics"* signifie tous les services destinés à la population pour différentes raisons et pour leurs besoins quotidiens.

Les termes *"bâtiments qui facilitent l'accès aux personnes handicapées"* signifient bâtiments auxquels les personnes handicapées peuvent accéder sans difficultés.

“Uruhushya rwo kubaka” ni inyandiko itangwa n’urwego rw’ubutegetsu rubifitiye ububasha yemerera uyihawe gutangira imirimo y’ubwubatsi.

The term “*building permit*” shall mean a document issued by a competent public Organ authorizing the recipient to start construction.

Les termes “*autorisation de bâtir*” signifient un document délivré par un organe public habilité donnant à son bénéficiaire l’autorisation de commencer les travaux de construction.

Ingingo ya 3 : Ibyangombwa biteganyirizwa abafite ubumuga ku nyubako

Article 3: Building facilities for persons with disabilities

Article 3 : Commodités à prévoir pour les personnes handicapées

Inyubako yose igomba guteganya ibyangombwa byose bituma ufite ubumuga ashobora kutabangamirwa mu kugera kuri serivisi zose zikorera cyangwa zitangirwa muri icyo nyubako. By’umwihariko, inyubako yose yaba yia Leta cyangwa iy’abikorera igenewe gutangirwamo serivisi zitandukanye zigenewe abatwariye, igomba guteganya aho abantu bafite ubumuga banyura kugirango boroherewe kugera aho serivisi bakenera zitangirwa.

All buildings shall be equipped with the necessary facilities to enable persons with disabilities have access to services therein. In particular whether a public or private building meant to provide services to the public, must provide passage ways for persons with disabilities so as to have easy access to services being offered.

Dans tout le bâtiment il doit être prévu tout ce qui est nécessaire permettant à la personne handicapée à ne pas rencontrer des obstacles lui empêchant l’accès aux services pourvus ou donnés à partir de ces bâtiments. Spécialement, tout bâtiment, tant public que privé destiné aux différents services publics, doit prévoir les passages pour les personnes handicapées leur permettant d’accéder aux services dont elles ont besoin.

Inyubako zubatswe mbere y’itangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubilika y’u Rwanda y’iri teka zigomba kuba zujuje ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy’iyi ngingo.

Buildings constructed prior to the publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda must conform to the requirements stipulated under paragraph one of this Article.

Tous les bâtiments érigés avant la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda doivent se conformer aux prescrits de l’alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 4: Ahahagarikwa ibinyabiziga **Article 4: Parking space for vehicles** **Article 4 : Parkings pour véhicules**

Inyubako zose zitangirwamo serivisi zigomba guteganya aho abafite ubumuga bahagarika ibinyabiziga byabo hihariye, byaba ibifite moteri cyangwa ibitayifite, hegereye ubwinjiriro rusange, hakanateganywa kandi uburyo bwatuma ufite ubumuga atabarwa, yitabara cyangwa atabaza mu gihe bibaye ngombwa kandi mu buryo bwihuse.

All buildings offering services must provide special parking space for vehicles of persons with disabilities, whether motorized or non-motorized. These spaces should be near main entrances with facilities to enable the rescue, self assistance, calls for help when necessary of persons with disabilities in an expeditious way.

Tous les bâtiments destinés aux services doivent être pourvus des parkings spéciaux pour des véhicules des personnes handicapées, qu'ils soient à moteur ou pas, et ces parkings doivent être près des entrées principales où il est également prévu des commodités permettant de porter secours à la personne handicapée, à se secourir elle-même ou à demander secours en cas de besoin et d'une façon rapide.

Ingingo ya 5 : Uruhushya rwo kubaka **Article 5: Building permit** **Article 5: Autorisation de bâtir**

Bitabangamiye amategeko areba imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire, usaba uruhushya rwo kubaka inyubako zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri teka, agomba kubanza kugaragaza ko hubahirijwe ibisabwa n'amategeko muri rusange n'arengera abafite ubumuga by'umwihariko.

Without prejudice to the legal provisions relating to urban planning and construction, building permit applicants in respect of buildings specified under Article 3 of this Order must demonstrate the observance of laws in general and of those relating to persons with disabilities in particular.

Sans préjudice des dispositions légales relatives à l'urbanisme et à la construction, le demandeur de l'autorisation de bâtir des bâtiments prévus à l'article 3 du présent arrêté, doit faire preuve du respect des lois en général et celles relatives à la protection des personnes handicapées en particulier.

Ingingo ya 6 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka **Article 6: Repealing provision** **Article 6 : Dispositions abrogatoire**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 27/7/2009

(sé)

BIHIRE Linda
Minisitiri w'Ibikorwa Remezo

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 7: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 27/7/2009

(sé)

BIHIRE Linda
Minister of Infrastructure

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

Article 7 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 27/7/2009

(sé)

BIHIRE Linda
Ministre des Infrastructures

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI
N°02/cab.M/09 RYO KUWA 27/7/2009
RIGENA UBURYO ABAFITE
UBUMUGA BOROHEREZWA
INGENDO ZABO ZA NGOMBWA MU
GIHUGU**

**MINISTERIAL ORDER
N°02/cab.M/09 OF 27/7/2009
DETERMINING THE MODALITIES
OF FACILITATING PERSONS
WITH DISABILITIES ON
NECESSARY TRAVELS WITHIN
THE COUNTRY.**

**ARRETE MINISTERIEL
N°02/cab.M/09 DU 27/7/2009
DETERMINANT LES MODALITES
D'OCTROI DES FACILITES AUX
PERSONNES HANDICAPEES POUR
LEUR TRANSPORT NECESSAIRE
DANS LE PAYS**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka
rigamije**

Article One: Purpose of this Order

**Article premier : Objet du présent
arrêté**

**Ingingo ya 2: ibisobanuro
by'amagambo**

Article 2: Definition

Article 2: Définition

**Ingingo ya 3: Ubusonerwe bwo
kwishyura amafaranga y'urugendo**

**Article 3: Exemption from
transportation fare**

Article 3 : Exonération de paiement

**Ingingo ya 4: Ikarita iranga ufite
ubumuga**

**Article 4: Identity card for a person
with disability**

**Article 4 : Carte d'une personne
handicapée**

**Ingingo ya 5: Imyanya yagenewe abafite
ubumuga mu binyabiziga bya Leta**

**Article 5: Seats reserved for persons
with disabilities in public transport
vehicles**

**Article 5: Places réservées aux
personnes handicapées dans les
véhicules de transport en commun**

**Ingingo ya 6: Aho abafite ubumuga
bategera ibinyabiziga**

Article 6: Bus stops

Article 6 : Arrêts bus

**Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri Teka**

Article 7: Repealing provision

Article 7 : Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 8 : Igihe Iteka ritangirira
gukurikizwa**

Article 8 : Commencement

Article 8 : Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI
N°02/cab.M/09 RYO KUWA 27/7/2009
RIGENA UBURYO ABAFITE
UBUMUGA BOROHEREZWA
INGENDO ZABO ZA NGOMBWA MU
GIHUGU**

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 26;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere : Icyo iteka rigamije

Iri teka rigena uburyo Leta yorohereza abafite ubumuga mu ngendo zabo za

**MINISTERIAL ORDER
N°02/cab.M/09 OF 27/7/2009
DETERMINING THE MODALITIES
OF FACILITATING PERSONS
WITH DISABILITIES ON
NECESSARY TRAVELS WITHIN
THE COUNTRY.**

The Minister of Infrastructure,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date especially in Articles 14, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 01/2007 of 20/01/2007 relating to protection of disabled persons in general, especially in Article 26;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 19/06/2009;

HEREBY ORDERS:

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the modalities of facilitating persons with disabilities on

**ARRETE MINISTERIEL
N°02/cab.M/09 DU 27/7/2009
DETERMINANT LES MODALITES
D'OCTROI DES FACILITES AUX
PERSONNES HANDICAPEES POUR
LEUR TRANSPORT NECESSAIRE
DANS LE PAYS**

Le Ministre des Infrastructures,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 14, 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 01/2007 du 20/01/2007 portant protection des personnes handicapées en général, spécialement en son article 26;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 19/06/2009 ;

ARRETE :

Article premier : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les modalités d'octroi des facilités aux personnes

ngombwa mu gihugu.

necessary travels within the Country.

handicapées en matière de leur transport nécessaire à l'intérieur du pays.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition

Article 2 : Définition

Ijambo "ingendo za ngombwa " rivuga ingendo ufite ubumuga uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri akora kugira ngo ashobore guhabwa cyangwa kugera aho abonera serivisi akeneye.

The term "necessary travel" shall mean the travel undertaken by a person with disability who is in the first and second categories with the purpose of getting the needed services or reach the place where he /she gets such services.

Les termes "transport nécessaire" signifient le transport qu'effectue une personne handicapée de la première et la deuxième catégorie aux fins de bénéficier ou d'arriver à l'endroit où il bénéficie le service dont elle a besoin.

Ingingo ya 3: Ubusonerwe bwo kwishyura amafaranga y'urugendo

Article 3: Exemption from transportation fare

Article 3 : Exonération de paiement

Umuntu ufite ubumuga utishoboye uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri asonewe kwishyura amafaranga y'urugendo mu binyabiziga bya Leta byagenewe itwara rusange ry'abantu.

A needy person with disability in the first and second categories is exempt from transportation fares when boarding State-owned public transport vehicles.

Une personne handicapée de la première et deuxième catégories est exonérée des frais de transport dans les véhicules publics de transport en commun des personnes.

Ingingo ya 4 : Ikarita iranga ufite ubumuga

Article 4: Identity card for a person with disability

Article 4 : Carte d'une personne handicapée

Mu gushyira mu bikorwa ibiteganyijwe n'ingingo ya 3 y'iri teka, ufite ubumuga uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri ahabwa ikarita yabugenewe n'inzego zibishinzwe, yerekana kugira ngo yemererwe kugendera muri ibyo binyabiziga bya Leta bigenewe

